# REPUBLIC OF RWANDA

RDB | RWANDA DEVELOPMENT BOARD

## OFFICE OF THE REGISTRAR GENERAL

### THE INTELLECTUAL PROPERTY LAW N° 31/2009 of 26/10/2009

Reference is made to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015 especially in article 47.

Reference is made to the **Law N° 28/2016 of 22/7/2016 on the preservation of cultural heritage and traditional knowledge,** especially in article 2 para 6, article 18 and article 19.

| | |
|---|---|
| 1. COPYRIGHT NUMBER | **RW/C/2023/38** |
| 2. GROUP | Traditional artistic genius and craftsmanship derived from Culture Heritage of Rwanda |
| 3. SUB GROUP | NATIONAL INVENTORY OF INTANGIBLE CULTURAL HERITAGE OF RWANDA |
| 4. TITLE OF WORK | IMIGONGO |
| 5. NAME AND ADDRESS OF OWNER | MINISTRY OF YOUTH AND CULTURE<br>P.O BOX:6369 KIGALI, Rwanda |
| 6. NAME AND ADDRESS OF REPRESENTATIVE | Hon. Rosemary Mbabazi<br>Kigali |
| 7. SHORT DESCRIPTION OF WORK | *Imigongo* decorative patterns date back in the 18th century and were first made in Gisaka. Rwandan decorative patterns are in geometric shapes, including triangular; rhombus; square or tray; parallelogram; trapezium; rectangular; zigzag; spiral or curved lines; oblique; parallel, intersecting or simple lines. There are combined patterns as well as patterns without geometric form and their use has defied time until today. This persistence finds an explanation in the Rwandan culture where craftsmanship was not only a part of the traditional education, but also an important family legacy passed down from generation to generation |
| 8. FILING DATE | 16/03/2023 |

Dated this **20th day of March, 2023**

The Office of Registrar General certify that "Imigongo" inventoried by the Ministry having culture in his attributions is protected and declared by the State as a National Intangible Cultural Heritage.

*KAYIBANDA Richard*

*Registrar General*

## N⁰ 4. IMIGONGO

**Icyiciro umurage urimo:**

Imigongo ni ikimenyetso cy'umurage ndangamuco udafatika w'Abanyarwanda wo mu cyiciro cy'ubumenyi-ngiro bushingiye ku bugeni gakondo *(traditional craftsmanship)* hakurikijwe ibyiciro bigenwa n'Amasezerano Mpuzamahaga y'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Burezi, Ubumenyi n'Umuco (UNESCO) y'i Paris mu Bufaransa yo ku wa 17 Ukwakira 2003 yo kubungabunga umurage ndangamuco udafatika. U Rwanda rwemeje burundu aya masezerano mu Iteka rya Perezida No 53/01 ryo ku wa 02/11/2012 ryemeza burundu amasezerano yo kubungabunga umurage ndangamuco udafatika yashyiriweho umukono i Paris mu Bufaransa kuwa 17 Ukwakira 2003, ruyashyiraho umukono ku itariki ya 21 Mutarama 2013.

Hashingiwe ku Itegeko N⁰ 28/2016 ryo ku wa 22/7/2016 rigena ibungabungwa ry'umurage ndangamuco n'ubumenyi gakondo, by'umwihariko mu ngingo ya 19 igena ibishingirwaho mu kwandika umurage ndangamuco udafatika, Imigongo ni umurage ndangamuco udafatika ugaragaza agaciro ndangamuco gahanitse ku muryango w'Abanyarwanda. Ugaragaza umwimerere n'ubuhanga buhanitse bwo gutaka bwahererekanyijwe hagati y'ibisekuru guhera mu kinyejana cya cumi n'umunani kugeza magingo aya. Uyu murage ukwiye kurengerwa kugira ngo utazimira cyangwa umwimerere wawo ugatakara kubera ubundi buryo bwo gukora imitako Abanyarwanda bavoma ahandi.

**Incamake y'amateka y'imigongo**

Ijambo "Imigongo" ni imitako ikorwa mu mase y'inka ifite utugongo dukase mu buryo bw'ubugi, bomeka ku nkuta z'imbere mu nzu, ku nkingi z'inzu cyangwa ku nsika z'uruhimbi (Anne Maes-Geerinckx & Lode Van Pee, 2004:44).

Abashakashatsi batandukanye bemeza ko imitako *y'imigongo* yatangiriye mu Gisaka ahayinga ikinyejana cya 18 (Celis et Thérèse 1971, Anquetil 1980; Maes Greerinckx & Van Pee 2004). Yadukanywe na Kakira ka Kimenyi wari igikomangoma cyo mu Migongo atuye ku musozi wa Nyarutunga (Maes-Greerinckx & Van Pee 2004:32). Se wa Kakira ariwe Kimenyi Getura (1710-1805) yari umwami w'i Gisaka. Kakira yagiraga isuku cyane ku buryo n'inka ze zakamwaga n'ingimbi kugira ngo amata yazo abe asukuye koko; ndetse ayo yaterekerwaga yabuganizwaga mu byansi bogesheje amazi y'iriba yari yarubakiye kugira ngo naryo ritandura. Kakira kandi ntawe basangiraga ibyo kurya n'ibyo kunywa, ndetse mu gihe cy'itumba yimukiraga ahantu h'urubuye ahunga ibyondo. Buhoro buhoro isuku ye yamamaye mu Rwanda hose kugeza aho Kakira yabaye insigamugani, ugasanga bagira bati "*Isuku ni iya Kakira*" bashaka kuvuga ko nyanaka akeye nka Kakira (Maes-Greerinckx &Van Pee 2004:32).

Nk'umuntu wakundaga kugira isuku no guhanga udushya, Kakira yadukanye imigongo ashaka kwishimisha we ubwe. Ayitakisha bwa mbere yahereye ku nzu ya se, akurikizaho iye bwite. Kubera ukuntu imigongo yashimishije Kimenyi, inzu umuhungu we yamutakiye guhera ubwo niyo yakiriragamo abashyitsi b'icyubahiro. Nyuma yaho abakobwa bo mu miryango ikize batangiye kujya bataka amazu y'iwabo nabo bigana Kakira. Gutakisha imigongo byamamara mu Rwanda bityo (Anquetil 1980:49-50). Abakomoka kuri Kakira bitwa Abakira, cyane cyane umuhungu we Runiga, ni bo bagize uruhare rukomeye mu gukwirakwiza iyo mitako (Anne Maes-Geerinckx & Lode Van Pee, 2004:35).

RWANDA DEVELOPMENT BOARD (RDB) REGISTRAR GENERAL

Muri iki gihe, Imigongo ntikiri imitako yomekwa ku nkuta gusa ahubwo abayikora bayikorera no ku mbaho ngufi ku buryo ishobora kwimukanwa ikamanikwa aho ariho hose (gutaka ahabereye ibirori, gutaka mu nzu, mu mamurika y'ubugeni n'ahandi). Ibyo byatewe nuko yahindutse ibicuruzwa ndetse n'imyubakire igahinduka.

## Uko Imigongo ikorwa

Ubusanzwe ujya gutangira umutako w'imigongo, abanza gupima ku rukuta cyangwa ku kibambasi ashaka gutaka, umwanya fatizo w'aho agomba gushyira amabara. Ibyo bipimo abigeraho akoresheje akagozi, akakazinga akakazingura ashaka ingero akeneye. Ingero z'ibipimo amaze kubona, zireshya n'umutako ashaka gukora, azerekana akoresheje ikara ry'igiti.

Umurongo werekana ubugari bw'umutako ukoreshwa intoke ebyiri: awomekaho akaguno k'amase y'inyana avanze n'ivu ry'ibiti n'ibyatsi n'amaganga y'inka; ibyo bigatuma amase akomera kandi ashobora gufata aho bashaka gushushanya imigongo.

Iyo amase amaze kuma, haba hasigaye gushyiraho amabara ya ngombwa. Amabara akoreshwa ni urubamba (umukara), ingwa (umweru), inkurwe (umutuku ugana ku bihogo), ubukuto (ikivuzo n'umuhondo ugana kuri kaki). Ayo mabara yose aba akoze ku buryo buhiye, uretse umukara uba ushashagirana. Amabara yose uretse umukara akozwe mu butaka agerwaho baseye ubwo butaka bakabuvanga n'amazi (Anne Maes-Geerinckx & Lode Van Pee, 2004:59).

Kugera ku ibara ry'umukara biragoye kurusha ayandi. Kugira ngo riboneke, umuntu afata igikakarubamba akagicagagura, umushonge uvuyemo akawushyira mu kabya, akawuvanga n'amaganga y'inka, akabireka bikamara iminsi itatu cyangwa ine aho biba bimaze guhinduka umukara. Nyuma y'aho, yongeramo umushonge w'intobo uvanze n'ivu ry'ibishishwa by'ibitoki. Ibara ry'umukara kandi, rishobora no kuboneka umuntu avanze imbyiro n'amazizi y'umutumba w'insina cyangwa akazivanga n'amazi y'umuhoko (Pauwels, 1955:245).

Guhera mu gihe cy'umwaduko w'abakoroni kugeza ubu aho usanga ibihangano bikorerwa kugurishwa, abanyabugeni n'abanyabukorikori bagenda bongeramo amabara mashya bakora bifashishije amarangi yo mu nganda atarakoreshwaga mu Rwanda rwo hambere. Ayo mabara arimo icyatsi kibisi, umuhengeri, n'andi menshi atarakoreshwaga mbere y'umwaduko w'abakoroni. Kubera iyo mpamvu, muri iki gihe usanga ikoreshwa amabara menshi, ariko imisusire yayo yagumanye umwimerere nubwo hatabura impinduka nto zitewe n'uburyo zikoreshwa ubu.

Imyinshi mu mitako gakondo ikoreshwa tekiniki y'imigongo, ishushe nk'ibinyampande (mpandeshatu, umwashi, mpandenye, amaso y'akayunguruzo, pararerogaramu, tarapezi, urukiramende, imirongo ivunaguye, inyuranamo, imirongo isanzwe). Hiyongeraho igizwe n'urusobe rw'ibinyampande cyangwa rw'imirongo n'indi idafite ikinyampande biteye kimwe.

## Urutonde rw'imwe mu mitako gakondo ikoreshwa tekiniki y'imigongo:

1) ***Itana***: ufite amoko atandukanye ashushe nk'ikigembe. Umutako w'Itana ufite ubwoko 9 bwo kuwutaka.
2) ***Isimbi***: ushushe nk'akajonjogoro k'ikinyamunjonjorerwa bambaragaho imitako.

3) ***Imisa y'amasuka***: usongoye nk'umusa w'isuka (igice cy'isuka ya kinyarwanda gisongoje cyinjira mu muhini). Ufite ubwoko 3 bwo kuwutaka.
4) ***Urunombe:*** iryo zina rikomoka ku ijambo *ikinombe* risobanura igisate cy'ihundo ry'ishaka.
5) ***Ibaba***: ushushe nk'icyubi cy'inyoni iguruka. Ufite ubwoko 3 bwo kuwutaka.
6) ***Abamababa y'intashya***
7) ***Igikari***: bisobanura umwanya w'urugo uba hagati ya *Kambere* n'andi mazu ayigaragiye ahaherereye inyuma yayo.
8) ***Itangaza***: uyu mutako wahawe iryo zina kuko utangaza abawubonye. Ufite ubwoko 7 bwo kuwutaka.
9) ***Igishare:*** ufite ubwoko 3 bwo kuwutaka.
10) ***Ivuba:*** ufite ubwoko 3 bwo kuwutaka.
11) ***Amaboko y'inyanja***: iryo zina rivuga udushoro tw'amazi twinjira mu misozi duturutse mu mazi magari. Ufite ubwoko 3 bwo kuwutaka.
12) ***Intege z'abasaza***: wiswe utyo kubera ko nawo ufite imfuruka nk'iy'ukuguru guhinnye mu ntege. Ufite ubwoko 2 bwo kuwutaka.
13) ***Igishyamirane***: ushushe nk'amahembe y'ibimasa bishyamiranye.
14) ***Igembe***
15) ***Ibikubuko***
16) ***Impuga***
17) ***Umwashi***: ushushe nk'ikigembe cy'umwambi cyangwa umwashi nyir'izina ushyirwa hagati y'inkingi n'igisenge cy'inzu ya kinyarwanda. Ufite ubwoko 8 bwo kuwutaka.
18) ***Umwambi***: ufatwa nk'undi mutako w'umwashi.
19) ***Basangira***: irindi zina ry'imbehe ya kinyarwanda.
20) ***Amaso y'inuma***: ufite ubwoko 2 bwo kuwutaka.
21) ***Ubusonga***: iyo ukoreshejwe utambitse, wibutsa urunigi rutamirizwa imandwa mu gihe cy'umuhango wo kubandwa.
22) ***Umwambi:*** ubundi bwoko bw'umutako w'*umwashi-abashi*
23) ***Umukebo:*** biva ku nshinga gukeba. Ufite ubwoko 4 bwo kuwutaka.
24) ***Ibigembe***: ubwinshi bw'*ikigembe* bisobanura umutwe w'icumu cyangwa w'umwambi.
25) ***Ingembe***: bivuze ibyuma bito bikoreshwa mu kogosha.
26) ***Ikirobera***: ni izina ry'ubwoko bw'umutego ukoreshwa mu burobyi.
27) ***Itweka***: iri zina rikomoka ku ijambo *Umutweka,* ubwoko bw'imyenda yadukanywe n'Abadage mu Rwanda mbere ya 1916. Kuri iyo myenda habagaho amabara afite impande enye; abanyabugeni n'abanyabukorikori b'Abanyarwanda bagakora imitako isa nayo bayigana, iyo mitako ikitwa Itweka. Uyu mutako ubamo uwitwa *Ishobe*. Ufite ubwoko 3 bwo kuwutaka.
28) ***Ingobe/ Amahembe y'intama***: Ingobe ni ubwoko bw'umwambi ufite ikigembe kiriho amahango abiri aringaniye. Ayo mabango ni zo ngobe. Imiterere y'uwo mutako ituma unitwa *Amahembe y'intama*. Ufite ubwoko 2 bwo kuwutaka.
29) ***Ubukokora:*** ijambo rikomoka ku nkokora. Umutako witwa utyo iyo umutako w'*Ingobe* uzengurukijwe kenshi ku nkingi ihagaze.
30) ***Umuvuno***: ijambo rikomoka ku kuvuna. Risobanura kandi uburyo bwo gutegura umukino w'Igisoro. Umutako witwa utyo iyo umutako w'Ingobe uzengurutse kenshi ku kintu gitambitse.

RWANDA DEVELOPMENT BOARD (RDB) REGISTRAR GENERAL

31) ***Umuraza/Imiraza***: bivuze umurongo uvunaguye. Ushushe nk'umugezi utemba wigoronzora. Urimo amoko abiri: *Ubukokora* na *Nyamuraza*. Ufite ubwoko 7 bwo kuwutaka.

32) ***Umuraza w'igikona***

33) ***Umurenzi****:* ijambo rikomoka ku nshinga kurenza.

34) ***Nyamuraza****:* ubwoko bw'umutako *Umuraza.*

35) ***Ishaka***

36) ***Inkora y'abahigi****:* Inkora ni ikirari cy'ahantu haciye itsinda ry'abantu. Uyu mutako ugaragaza ishusho y'ikirari kuko ari umurongo uvunaguye ariko ukomeza guhera ku ruhande rumwe rw'igikoresho utatseho kugeza ku rundi.

37) ***Inkora y'abahundamyi***

38) ***Urugagi****:* bisobanura agakoni gato. Uyu mutako ugizwe n'udukoni dutatu turinganiye dutambitse tugakora umutako uvunaguye mu buryo bw'amadarajya aberamye.

39) ***Umwijima***

40) ***Ingondo/ Ishobe****:* biva ku nshinga kugonda. Agati gato umuntu akoresha agira ngo yiyegereze ikintu kiri hejuru ye kandi adashyikira niko bita *ingondo.* Uyu mutako ushushe nk'ako gati.

41) ***Ishingo***

42) ***Inyemera/ Impala****:* ni umutako wibutsa uko inyamaswa yitwa inyemera cyangwa impala iba imeze mu kirere iyo yiruka isimbuka cyane.

43) ***Iraza/ Amaraza***: ni umutako gakondo ukozwe n'imirongo ivunaguye mu mitwe yombi.

44) ***Imikako****:* utakishwa cyane ku mitemeri y'ibyansi. *Umukako/imikako* bifite ibisobanuro bitatu: $1^0$ Akagozi gakomeye cyangwa agatambaro umuntu azengurutsa umutwe uri ku murya, akagapfundika akomeje agira ngo bimugabanyirize ububabare. $2^0$ Akagozi imandwa Mugasa yizengurutsaho ku mutwe mu muhango wo kubandwa. $3^0$ Umutwe w'ingabo zirwana zizengurutse umwanzi. Umutako witwa *Umukako/Imikako* kubera ko nawo ari umurongo cyangwa imirongo izengurutse neza icyo itatse.

45) ***Ibigobe by'uruzi***: Ibigobe ni ijambo rivuze igice cy'uruzi cyangwa ikiyaga cyinjira mu butaka. Ibigobe by'uruzi ni ahantu uruzi rwaremye ibigonzi. Umutako witwa utyo kubera ko imisusire yawo yibutsa ibigonzi by'uruzi.

46) ***Umwambi/ Imyambi***

47) ***Akarizo k'ingwe***: uyu mutako uba ushushe nk'umurizo w'ingwe, muremure, uhese.

48) ***Igishuri***: ugizwe n'urusobe rw'imyashi irebana. Buri mwashi ugizwe na mpandeshatu nyampanga zihuje ubutambike; zifite amabara abiri atandukanye, rimwe ari umukara naho irindi risa n'ikirere cy'ingabo cyumye.

49) ***Ishobe****:* iryo jambo riva ku nshinga gushoberwa (kujya mu kaga ukananirwa kukivanamo). Uyu mutako wahawe iryo zina kubera ko ugoranye kuwukora.

50) ***Ibikonjo***

51) ***Umugore wishe inzu***: bivuze umugore wisenyera kubera gukunda abagabo benshi.

52) ***Umuheha***: mu byerekeye imitako, umuheha ni intambi zambarwaga n'abagore b'i bwami cyangwa inyambo zimurikwa mu birori. Kubera imiterere yabyo, ibirezi nabyo babyita imiheha cyane cyane mu gace ka Migongo.

53) ***Umuhigo***: umutako ugizwe n'uruhererekane rw'ibinyampande bito bibangikanye ku mirongo ivunaguye.

54) ***Amanyamanza***: ushushe nk'amababa y'inyoni yitwa inyamanza.

55) ***Umugongo w'inzovu***

56) ***Impugu***: iri zina ni iry'ubwoko bwa kagoma. Uyu mutako ufite ishusho y'amabara y'icyo gisiga iyo kiguruka.
57) ***Igitoke***: ushushe nk'iseri ry'igitoke gifite amabere manini.
58) ***Imirera***: Imirera ni ubwinshi bw'umurera. Ni izina ry'igiti gito gifite amahwa kiboneka cyane ku nkombe z'ibiyaga no mu bishanga mu Burasirazuba no mu Majyepfo y'u Rwanda. Uyu mutako wiswe utyo kubera ko ushushe nk'ibibabi by'icyo giti.
59) ***Ikibero****:* ni umutako wo mu bibohwa ugizwe na mpandeshatu zingana zishoreranye mu murongo uhagaze.

**Akamaro k'imitako ikoreshejwe tekiniki y'imigongo**

Imitako ikoreshejwe tekiniki y'imigongo ni umurage ndangamuco w'Abanyarwanda ugaragaza umwihariko n'ubuhanga buhanitse mu gukora imitako ikundwa na benshi yaba mu Rwanda no mu mahanga

Kuva kera kugeza ubu, Imigongo ikoreshwa mu gutaka mu nzu cyane cyane mu ruganiriro, ku ruhimbi, ahahurira abantu benshi nko mu byumba by'inama, n'ahandi habera ibirori bitandukanye. Muri iki gihe, gutakisha imigongo byafashe indi ntera mu Banyarwanda aho usanga inyubako nini zigezweho zitakishijwe amashusho y'imigongo akozwe mu bikoresho bigezweho.

Usibye kuba iyi mitako irimbisha igatera isuku aho iri, inagaragaza uko Abanyarwanda babona isi batuye (ubuzima bwa buri munsi, ibidukikije, n'ibindi ...) nk'uko bigaragarira mu mazina yayo. Urugero: ***Ishobe****:* iryo jambo riva ku nshinga gushoberwa (kujya mu kaga ukananirwa kukivanamo). Uyu mutako wahawe iryo zina kubera ko ugoranye kuwukora. Bivugwa ko umutako ufite ishusho y'uruziga, isobanura ko ikinyabuzima cyose kivuka, kigakura, ubuzima bugakomeza na nyuma y'urupfu.

Uyu murage ukwiye kurengerwa kugira ngo utazimira cyangwa umwimerere wawo ugatakara kubera ubundi buryo bwo gukora imitako Abanyarwanda bavoma ahandi. Hari impungenge kandi ko mu gihe imigongo itanditswe nka tekiniki yo gukora imitako y'umwimerere w'Abanyarwanda ishobora kuziyitirirwa n'abandi kuko yamaze kwambuka imipaka.

RWANDA DEVELOPMENT BOARD (RDB) REGISTRAR GENERAL



***Aho batunganya Imigongo (Photo, Kirehe District)***

RWANDA DEVELOPMENT BOARD (RDB) REGISTRAR GENERAL